

ITEGEKO N°41/2015 RYO KU WA 29/08/2015 RIGENA IMICUNGIRE Y'IBIZA  
LAW N°41/2015 OF 29/08/2015 RELATING TO DISASTER MANAGEMENT  
LOI N° 41/2015 DU 29/08/2015 RELATIVE A LA GESTION DES CATASTROPHES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya 1: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définition des termes

Ingingo ya 3: Inshingano ya Leta ku bijyanye n'imicungire y'ibiza

Article 3: Responsibility of Government for disaster management

Article 3: Responsabilité de l'Etat dans la gestion des catastrophes

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'ibiza

Article 4: Disaster categories

Article 4: Catégories des catastrophes

Ingingo ya 5: Amahame y'imicungire y'ibiza

Article 5: Disaster management principles

Article 5: Principes de gestion des catastrophes

Ingingo ya 6: Umwihariko mu gutabara abafite ubumuga mu gihe cy'ibiza

Article 6: Special assistance to persons with disabilities in case of disaster

Article 6: Assistance particulière aux personnes handicapées en cas de catastrophe

UMUTWE WA II: INZEGO Z'IMICUNGIRE Y'IBIZA, INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAZO

CHAPTER II: DISASTER MANAGEMENT ORGANS AND THEIR RESPONSIBILITIES, ORGANIZATION AND FUNCTIONING

CHAPITRE II: ORGANES DE GESTION DES CATASTROPHES ET LEURS ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT

Icyiciro cya mbere: Inzego z'imicungire y'ibiza

Section One: Disaster management organs

Section première: Organes de gestion des catastrophes

Ingingo ya 7: Ishyirwaho ry'inzego z'imicungire y'ibiza

Article 7: Establishment of disaster management organs

Article 7: Création des organes de gestion des catastrophes

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

<b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Inshingano z'inzeho z'imicungire y'ibiza	<b><u>Section 2:</u></b> Responsibilities of disaster management organs	<b><u>Section 2:</u></b> Attributions des organes de gestion des catastrophes
<b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Inshingano za NADIMAC	<b><u>Article 8:</u></b> Responsibilities of NADIMAC	<b><u>Article 8:</u></b> Attributions de NADIMAC
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Inshingano za NADIMATEC	<b><u>Article 9:</u></b> Responsibilities of NADIMATEC	<b><u>Article 9:</u></b> Attributions de NADIMATEC
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Inshingano za DIDIMAC	<b><u>Article 10:</u></b> Responsibilities of DIDIMAC	<b><u>Article 10 :</u></b> Attributions de DIDIMAC
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Inshingano za SEDIMAC	<b><u>Article 11:</u></b> Responsibilities of SEDIMAC	<b><u>Article 11:</u></b> Attributions de SEDIMAC
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Inshingano za NPDM	<b><u>Article 12:</u></b> Responsibilities of NPDM	<b><u>Article 12:</u></b> Attributions de la NPDM
<b><u>UMUTWE WA III:</u></b> IKUMIRA N'IGABANYABUKANA RY'IBIZA	<b><u>CHAPTER III:</u></b> PREVENTION AND MITIGATION OF DISASTERS	<b><u>CHAPITRE III:</u></b> PREVENTION ET ATTENUATION DES CATASTROPHES
<b><u>Ingingo ya 13 :</u></b> Iburira n'ihanahana ry'amakuru y'ibiza	<b><u>Article 13 :</u></b> Warning and communication system for disasters	<b><u>Article 13:</u></b> Alerte et communication en cas de catastrophes
<b><u>Ingingo ya 14 :</u></b> Ubwishingizi	<b><u>Article 14 :</u></b> Insurance	<b><u>Article 14 :</u></b> Assurance
<b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> UBWITEGURE N'UBUTABAZI MU GIHE CY'IBIZA	<b><u>CHAPTER IV:</u></b> DISASTER PREPAREDNESS AND RESPONSE	<b><u>CHAPITRE IV:</u></b> PREPARATION ET INTERVENTION EN CAS DE CATASTROPHES
<b><u>Icyiciro cya mbere :</u></b> Imyiteguro y'ubutabazi mu gihe cy'ibiza	<b><u>Section One:</u></b> Response preparedness in case of disasters	<b><u>Section première:</u></b> Préparation des secours en cas de catastrophes
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Ubukorerabushake mu gihe cy'ibiza	<b><u>Article 15:</u></b> Volunteering in case of disasters	<b><u>Article 15:</u></b> Volontariat en cas de catastrophe
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Kubaka ubushobozi mu micungire y'ibiza	<b><u>Article 16:</u></b> Capacity building in disaster management	<b><u>Article 16:</u></b> Renforcement des capacités en matière de gestion des catastrophes

**Ingingo ya 17:** Ububiko bw'ibikenerwa mu butabazi

**Icyiciro cya 2:** Ubutabazi n'ubufasha

**Akicro ka mbere:** Ubutabazi n'ubufasha bw'imbere mu gihugu

**Ingingo ya 18:** Isesengura ry'ibanze ku miterere n'ingaruka z'ibiza byabaye

**Ingingo ya 19:** Itangazwa ry'ibihe by'amage

**Ingingo ya 20:** Ubuziranenge bw'imfashanyo

**Akicro ka 2:** Ubutabazi n'ubufasha mvamahanga

**Ingingo ya 21:** Kwitabaza inkunga n'ubufasha mvamahanga

**Ingingo ya 22:** Gusaba gutanga ubutabazi n'ubufasha

**Ingingo ya 23:** Kwemera cyangwa kwanga ubutabazi n'ubufasha mvamahanga

**Ingingo ya 24:** Itangira n'irangira ry'igihe cy'ubufasha n'icy'ubutabazi by'ibanze

**Akicro ka 3:** Iyoroherazwa ryemewe n'amategeko

**Ingingo ya 25:** Ibishingirwaho mu kwemerera usaba koroherezwa

**Article 17:** Response emergency store

**Section 2:** Response and assistance

**Sub section One:** Domestic response and assistance

**Article 18:** Initial assessment on character and consequences of disaster

**Article 19:** State of siege declaration

**Article 20:** Quality of assistance

**Sub Section 2:** International response and assistance

**Article 21:** Seeking international response and assistance

**Article 22:** Application for authorization for response and assistance

**Article 23:** Acceptance or refusal of international response and assistance

**Article 24:** Beginning and end of disaster relief and initial recovery period

**Sub Section 3:** Eligibility for legal facilitation

**Article 25:** Requirements for acceptance of

**Article 17:** Stock d'urgence en cas de catastrophes

**Section 2:** Intervention et assistance

**Sous-Section première:** Intervention et assistance locales

**Article 18:** Evaluation initiale sur l'état et la conséquence des catastrophes

**Article 19:** Déclaration de l'état de siège

**Article 20:** Qualité de l'assistance

**Sous-Section 2:** Intervention et assistance internationales

**Article 21:** Recours à l'intervention et assistance internationales

**Article 22:** Demande d'autorisation d'intervention et d'assistance

**Article 23:** Acceptation ou refus de l'intervention et assistance internationales

**Article 24:** Début et fin de la phase de secours et de relèvement initial

**Sous-section 3:** Eligibilité aux facilités juridiques

**Article 25:** Conditions exigées pour l'octroi de l'admissibilité aux facilités juridiques

**Ingingo ya 26** : Abahabwa iyoroherewe mu by'ubutabazi

**Ingingo ya 27** : Uburyo abafatanyabikorwa mu by'ubutabazi basaba iyoroherewe

**Ingingo ya 28**: Iyemezwa ry'ibikorwa na gahunda by'ubufasha n'ubutabazi mu gihe cy'ibiza

**Ingingo ya 29**: Kwemera cyangwa kwanga ubusabe bw'iyoroherewe

**Ingingo ya 30**: Irangira ry'iyoroherewe

**Ingingo ya 31**: Iyoroshya ry'iyambukiranyamipaka

**UMUTWE WA V : ISANA N'ISHYIRWA MU BURYO RY'IBYANGIJWE N'IBIZA**

**Ingingo ya 32** : Isana n'ishyirwa mu buryo nyuma y'ibiza

**Ingingo ya 33**: Igihe isana n'ishyirwa mu buryo bitangirira

**Ingingo ya 34** : Inzego zisana zikanasubiza mu buryo ibyangijwe n'ibiza

application for legal facilitation

**Article 26**: Beneficiaries of response facilitation

**Article 27**: Modalities of application for eligibility to legal facilitation by assisting actors

**Article 28**: Approval of response and assistance operations and plans in case of disasters

**Article 29**: Acceptance or refusal of application for eligibility to legal facilitation

**Article 30**: Termination of eligibility to legal facilitation

**Article 31**: Transit facilitation

**CHAPTER V: REHABILITATION AND RECOVERY DUE TO DISASTERS**

**Article 32**: Rehabilitation and recovery after disaster

**Article 33**: Period for commencement of rehabilitation and recovery

**Article 34**: Organs responsible for rehabilitation and recovery due to disasters

**Article 26**: Bénéficiaires des facilités d'intervention

**Article 27**: Formalités à effectuer par les acteurs prêtant assistance pour être déclarés admissibles aux facilités juridiques

**Article 28**: Approbation des opérations et des plans d'intervention et d'assistance en cas de catastrophes

**Article 29**: Octroi ou refus de l'admissibilité aux facilités juridiques

**Article 30**: Fin de l'admissibilité aux facilités juridiques

**Article 31**: Facilitation du transit

**CHAPITRE V: REHABILITATION ET REDRESSEMENT SUITE AUX CATASTROPHES**

**Article 32**: Réhabilitation et redressement après catastrophe

**Article 33**: Délai de commencement de la réhabilitation et du redressement

**Article 34**: Organes chargés de la réhabilitation et du redressement suite aux catastrophes

**UMUTWE WA VI : INKOMOKO Y'UMUTUNGO WIFASHISHWA MU MICUNGIRE Y'IBIZA**

**Ingingoya 35:** Ingingo y'imari y'imikorere y'inzego z'imicungire y'ibiza

**Ingingo ya 36 :** Ingingo y'imari y'ikumira n'igabanyabukana ry'ibiza

**Ingingo ya 37:** Ingingo y'imari yo gutabara, gufasha, gusana no gushyira mu buryo ibyangijwe n'ibiza

**Ingingo ya 38:** Ishyirwaho ry'Ikigega kigenewe guhangana n'ibiza

**UMUTWE WA VII : INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 39:** Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

**Ingingo ya 40:** Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

**Ingingo ya 41:** Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

**CHAPTER VI: SOURCE OF RESOURCES ALLOCATED TO DISASTER MANAGEMENT**

**Article 35:** Operation budget of organs responsible for disaster management

**Article 36:** Budget for disaster prevention and mitigation

**Article 37:** Budget for response, assistance, rehabilitation and recovery in case of disaster

**Article 38:** Establishment of the Disaster Response Fund

**CHAPTER VII : FINAL PROVISIONS**

**Article 39:** Drafting, consideration and adoption of this Law

**Article 40:** Repealing provision

**Article 41:** Commencement

**CHAPITRE VI: SOURCE DES FONDS ALLOUES A LA GESTION DES CATASTROPHES**

**Article 35:** Budget de fonctionnement des organes de gestion des catastrophes

**Article 36:** Budget de prévention et d'atténuation des catastrophes

**Article 37:** Budget d'intervention, d'assistance, de réhabilitation et de redressement en cas de catastrophe

**Article 38:** Création du Fonds d'Intervention en cas de Catastrophes

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 39:** Initiation, examen et adoption de la présente loi

**Article 40:** Disposition abrogatoire

**Article 41:** Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°41/2015 RYO KU WA 29/08/2015 RIGENA IMICUNGIRE Y'IBIZA** **LAW N°41/2015 OF 29/08/2015 RELATING TO DISASTER MANAGEMENT** **LOI N°41/2015 DU 29/08/2015 RELATIVE A LA GESTION DES CATASTROPHES**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBURIKA Y'URWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 22 Kamena 2015;

The Chamber of Deputies, in its session of 22 June 2015;

La Chambre des Députés, en sa séance du 22 juin 2015;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 11 Gashantare 2015 ;

The Senate, in its session of 11 February 2015;

Le Sénat, en sa séance du 11 février 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, iya 137, iya 138, iya 190 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 108, 137, 138, 190 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 108 137, 138, 190 et 201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yashyiriweho umukono i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 19 Ukuboza 1966,

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights adopted in New York, United States of America on 19 December 1966, especially in Articles one, 2, 24 and 26 as ratified by Decree- Law n° 8/75

Vu le Pacte International relatif aux Droits Civils et Politiques adopté à New York, Etats Unis d'Amérique, le 19 décembre 1966, spécialement en ses articles premier, 2, 24 et 26 tel que ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

cyane cyane mu ngingo zaryo, iya mbere, iya 2, iya 24 n'ya 26, nk'uko yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12 Gashyantare 1975;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'Ubukungu, Imibereho myiza n'Umuco yashyiriweho umukono i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 19 Ukuboza 1966, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya mbere, iya 2, iya 11, iya 12 n'ya 13 nk'uko yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12 Gashyantare 1975;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yashyiriweho umukono i Nairobi muri Kenya ku wa 27 Kamena 1981, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 14, iya 16, iya 18 n'ya 21 nk'uko yemejwe n'Itegeko n°10/1983 ryo ku wa 17 Gicurasi 1983;

Ishingiye ku Masezerano yerekeye Uburenganzira bw'Umwana yashyiriweho umukono i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 20 Ugushyingo 1989, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2, iya 3, iya 6, iya 7, iya 8, iya 9, iya 19, iya 20, iya 24, iya 25 n'ya 28 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo ku wa 19 Nzeli 1990;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye Imihindagurikire y'Ibihe yashyiriweho umukono i RIO DE JANEIRO muri BRESIL, kuwa 5 Kamena

of 12 February 1975;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights adopted in New York, United States of America, on 19 December 1966, especially in articles One, 2, 11, 12, and 13 as ratified by Decree Law n° 8/75 of 12 December 1975;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights adopted in Nairobi, Kenya, on 27 June 1981, especially in articles 14, 16, 18, and 21 as ratified by Law n° 10/1983 of 17 May 1983;

Pursuant to the Convention on the Rights of the Child adopted in New York, United States of America on 20 November 1989, especially in Articles 2,3, 6, 7, 8, 9, 19, 20, 24, 25 and 28 as ratified by Presidential Order n° 773/16 of 19 September 1990;

Pursuant to the United Nations Framework Convention on Climate adopted in RIO DE JANEIRO, BRESIL, on 5 June 1992 as ratified by Presidential Order n° 021/01 of 30

12 février 1975;

Vu le Pacte International relatif aux Droits Economiques, Sociaux et Culturels adopté à New York, Etats Unis d'Amérique, le 19 décembre 1966, spécialement en ses articles premier, 2, 11, 12, et 13 tel que ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12 février 1975;

Vu la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples adoptée à Nairobi, Kenya, le 27 juin 1981, spécialement en ses articles 14, 16, 18 et 21 telle que ratifiée par la Loi n° 10/1983 du 17 mai 1983 ;

Vu la Convention relative aux Droits de l'Enfant adoptée à New York, Etas Unis d'Amérique, le 20 novembre 1989, spécialement en ses articles 2, 3, 6, 7, 8, 9, 19, 20, 24, 25 et 28 tels que ratifiés par Arrêté Présidentiel n° 773/16 du 19 septembre 1990;

Vu la Convention-cadre des Nations Unies sur les changements climatiques adoptée à RIO DE JANEIRO, Brésil, le 5 juin 1992 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n°021/01 du 30

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

1992, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 021/01 ryo ku wa 30 Gicurasi 1995;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika ku burenganzira n'imibereho myiza by'umwana yashyiriweho umukono i Addis-Abeba muri Ethiopia ku wa 11 Nyakanga 1990, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 5, iya 6, iya 11, iya 13, iya 14, iya 15, iya 16, iya 18, iya 19 n'iya 25 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo ku wa 30 Gicurasi 2001;

Ishingiye ku Masezerano y'inyongera ku Masezerano y'Afurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage, arebana n'Uburenganzira bw'Umugore muri Afurika yashyiriweho umukono i Maputo muri Mozambique kuwa 11 Nyakanga 2003, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 14 n'iya 15 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n°11/01 ryo ku wa 24 Kamena 2004;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yerekeye Kurinda no Gufasha Abakuwe mu byabo muri Afurika yashyiriweho umukono i Kampala muri Uganda kuwa 23 Ukwakira 2009, cyane cyane mu ngingo zayo, iya mbere, iya 2, iya 3, iya 4, iya 5, iya 6, iya 9, iya 11, iya 12 n'iya 13 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n°121/01 ryo kuwa 15 Ugushyingo 2011;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga n'umugereka wayo udahatirwa

May 1995;

Pursuant to the African Charter on the Rights and Welfare of the Child adopted in Addis Ababa, Ethiopia, on 11 July 1990, especially in articles 5, 6, 11, 13, 14, 15, 16, 18, 19 and 25 as ratified by Presidential Order n° 11/01 of 30 May 2001;

Pursuant to the Protocol to the African Charter on Human and Peoples' Rights on the Rights of Women in Africa adopted in Maputo, Mozambique, on 11 July 2003, especially in articles 14 and 15 as ratified by Presidential Order n° 11/01 of 24 June 2004;

Pursuant to the African Union Convention for the Protection and Assistance of Internally Displaced Persons in Africa adopted in Kampala, Uganda, on 23 October 2009, especially in articles 2, 3, 4, 5, 6, 9, 11, 12 and 13 as ratified by Presidential Order n°121/01 of 15 November 2011;

Pursuant to the Convention on the Rights of Persons with Disabilities and its Optional Protocol adopted in New York on 13

mai 1992 ;

Vu la Charte Africaine des Droits et du Bien-être de l'Enfant adoptée à Addis-Abeba, Ethiopie, le 11 juillet 1990, spécialement en ses articles 5, 6, 11, 13, 14, 15, 16, 18, 19 et 25 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 11/01 du 30 mai 2001 ;

Vu le Protocole additionnel à la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples relatif aux Droits des Femmes en Afrique adopté à Maputo, Mozambique, le 11 juillet 2003, spécialement en ses articles 14 et 15 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n°11/01 du 24 juin 2004;

Vu la Convention de l'Union Africaine sur la Protection et l'Assistance aux Personnes Déplacées en Afrique adoptée à Kampala, Ouganda, le 23 octobre 2009, spécialement en ses articles 2, 3, 4, 5, 6, 9, 11,12 et 13 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 121/01 du 15 novembre 2011;

Vu la Convention relative aux Droits des Personnes Handicapées et son Protocole Facultatif adoptés à New York le 13 décembre



*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

byashyiriweho umukono i New York ku wa 13 Ukuboza 2006 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 131/01 ryo ku wa 27/12/2012;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 63, iya 64 n'iya 78;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya 1: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imicungire y'ibiza mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1° **gusana no gushyira mu buryo ibyangiritse:** gusana ibikorwa byangiritse, aho bishoboka ku buryo burushijeho gukomera kurusha uko byari bimeze mbere, kandi hashyirwa imbaraga mu kugabanya impamvu ibiza byakomotseho;

2° **gutabara:** kugoboka mu buryo

December 2006 as ratified by the Presidential Order n°131/01 of 27 December 2012;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining modalities for protection, conservation and promotion of environment in Rwanda, especially in Articles 63, 64 and 78;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes disaster management in Rwanda.

**Article 2: Definitions of terms**

Under this Law, the following terms shall have the meanings assigned to them below:

1° **rehabilitation and recovery:** restoration of damaged pre-disaster facilities and where appropriate, improvement thereof including efforts to reduce disaster risk factors;

2° **response:** provision of emergency

2006 telle que ratifiés par Arrêté Présidentiel n°131/01 du 27 décembre 2012 ;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en ses articles 63, 64 et 78 ;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi établit la gestion des catastrophes au Rwanda.

**Article 2: Définition des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **réhabilitation et redressement:** restauration et amélioration, le cas échéant, des installations endommagées qui étaient en place avant la catastrophe, y compris les efforts visant à réduire les facteurs de risque de catastrophe;

2° **intervention:** fourniture des services

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

bwihuse abantu mu gihe cy'ibiza mu rwego rwo kuramira amagara yabo, kugabanya ingaruka mbi ku buzima bwabo, guha abantu imibereho ibaha icyizere ku buzima bwiza no kubagezaho ibintu by'ibanze ku buzima bwabo byo kubafasha;

3° **ibintu:** ibikoresho byagenewe ubutabazi bihabwa abagwiririwe n'ibiza kugira ngo bibagoboke cyangwa bibafashe gusubira mu buzima busanzwe;

4° **ibiza:** amakuba agwirira abaturage bari mu gice gito cyangwa kinini cy'igihugu, bigateza impfu, gukomereka cyangwa guhungabana kw'abantu, ukw'imitungo, ibidukikije kandi abo baturage bakaba badashobora kuyikuramo hifashishijwe ubushobozi bwabo bonyine;

5° **icyago cyugarije:** ikintu karemano cyangwa igikorwa cya muntu gishobora guteza urupfu, gukomereka cyangwa izindi ngaruka mbi ku buzima, ku mitungo, ku bikorwa no kuri za serivisi, ihungabana ry'ubukungu, iry'imibereho myiza, cyangwa se iyangirika ry'ibidukikije;

services and public assistance during or immediately after a disaster in order to save lives, reduce health impacts, ensure people's good living conditions and meet the basic subsistence needs of the people affected;

3° **goods:** supplies intended for rescue provided to disaster-affected communities for their relief or initial recovery;

4° **disaster:** serious calamity occurring on a small or large area of the country involving loss of life, physical or psychological injury or important material, economic, or environmental damages, which exceeds the ability of the affected population to overcome with its own resources;

5° **hazard:** dangerous phenomenon, substance, human activity or condition that may cause loss of life, injury or other health impacts, property damage, loss of livelihoods and services, social and economic disruption or environmental damage;

d'urgence et de l'assistance publique pendant ou immédiatement après une catastrophe afin de sauver des vies, réduire les impacts sur la santé, assurer les bonnes conditions de vie et pourvoir aux premières nécessités de subsistance des personnes touchées;

3° **biens:** approvisionnements de secours destinés aux populations touchées par la catastrophe dans le cadre de leur secours ou de leur réinsertion sociale initiale;

4° **catastrophe:** calamité grave qui touche la population d'une petite ou grande superficie du pays causant des pertes en vies humaines, des blessures physiques ou psychologiques ou d'importants dégâts matériels, économiques ou environnementaux que la population touchée ne peut surmonter avec ses seules ressources propres;

5° **aléa:** phénomène, substance, activité humaine ou condition dangereux susceptibles de provoquer des pertes en vies humaines, des dommages corporels ou d'autres effets sanitaires, des dommages matériels, des pertes de moyens de subsistance et de services, des perturbations sociales et économiques ou une dégradation de l'environnement ;

- 6° **igabanya ry'iyugariza ry'ibiza:** uburyo n'ibikorwa bigamije kugabanya ibyago byo kugwirirwa n'ibiza byugarije, hakoreshejwe gusesengura no gucunga impamvu zatuma ibiza bibaho, nko kugabanya no kwirinda kwegerana n'ibiza byugarije, kugabanya impamvu zongera ibyago byo kwibasirwa n'ibiza haba ku bantu no ku mitungo, kugira imicungire myiza y'ubutaka n'ibidukikije, n'ingamba zihamye zo kwitegura guhangana n'ibihe by'amakuba;
- 7° **igihe cy'imfashanyo:** igihe gikurikira iba ry'ikiza gitegurirwamo iyoroherewe riteganyijwe rigomba gukorerwa abafatanyabikorwa mu by'ubutabazi bemejwe mu rwego rwo gufasha abagwirirwe n'ibiza;
- 8° **imfashanyo mu gihe cy'ibiza:** ibintu, ibikoresho, imirimo, amafaranga n'ibindi bikorwa byagenewe gutabara abagwirirwe n'ibiza;
- 9° **imfashanyo z'amahanga:** imfashanyo yose itanzwe n'umuntu ku giti cy'e, umuryango cyangwa igihugu cy'amahanga mu buryo butaziguye igahabwa Leta y'u Rwanda cyangwa umufatanyabikorwa w'imbere mu gihugu mu rwego rwo kuzahura imibereho y'abahuye
- 6° **disaster risk reduction:** concept and practice of reducing disaster risks through systematic efforts to analyse and manage the causal factors of disasters, including through reduced exposure to hazards, lessened vulnerability of people and property, wise management of land and the environment, and improved preparedness for adverse events;
- 7° **disaster relief period:** period following a disaster during which the relevant legal facilities are made available to eligible actors for the purpose of providing disaster relief;
- 8° **disaster relief:** goods, equipment, services, funds and any other services provided to meet humanitarian needs of disaster-affected communities;
- 9° **foreign assistance:** any direct assistance provided by any individual, organisation or foreign State to the Government of Rwanda or any assisting domestic actor for purposes of assisting disaster-affected communities;
- 6° **réduction des risques de catastrophe:** concept et pratique de réduction des risques de catastrophe par le biais d'efforts systématiques visant à analyser et gérer les facteurs déterminants des catastrophes, notamment par une exposition réduite aux aléas, une moindre vulnérabilité humaine et matérielle, la gestion rationnelle des terres et de l'environnement et la meilleure préparation aux événements néfastes;
- 7° **phase de secours en cas de catastrophe:** période suivant une catastrophe pendant laquelle les facilités juridiques applicables sont accordées aux acteurs admissibles aux fins de la fourniture de secours lors de cette catastrophe;
- 8° **secours en cas de catastrophe:** biens, équipement, services, fonds et autres services fournis pour répondre aux besoins humanitaires des populations touchées par une catastrophe;
- 9° **aide étrangère:** toute assistance directe apportée par une personne physique, une organisation ou un pays étranger à l'Etat Rwandais ou à un acteur local prêtant assistance aux fins de la fourniture d'une assistance aux populations touchées par la

	n'ibiza;				catastrophe;
10°	<b>imfashanyo z'ibanze:</b> ibikoresho, imirimo n'imfashanyo bigamije kuzahura cyangwa kongera imibereho y'abahuye n'ibiza ndetse n'ingamba zo guhangana n'ibiza cyangwa kugabanya ibyago byo kugwirirwa n'ibiza;	10°	<b>initial recovery assistance:</b> goods, equipment, services and donations intended to restore or improve the pre-disaster living conditions of disaster-affected communities, including initiatives to fight disasters and reduce disaster risk;	10°	<b>assistance au relèvement initial:</b> biens, équipements, services et dons destinés à rétablir ou à améliorer les conditions de vie des populations touchées par la catastrophe ainsi que les stratégies de lutte et de réduction des facteurs de risque de catastrophe;
11°	<b>imicungire y'ibihe by'amakuba:</b> imitunganyirize n'imicungire y'ibikoresho, ibikorwa n'inshingano bigamije guhangana n'imiterere y'ibiza, cyane cyane ibijyanye n'imyitegurire, ubutabazi bw'ibanze n'ubw'igihe kirambye;	11°	<b>emergency management:</b> organization and management of resources and responsibilities for addressing all aspects of emergencies, in particular preparedness, response and initial recovery steps;	11°	<b>gestion des urgences:</b> organisation et gestion des ressources et des responsabilités pour traiter tous les aspects de l'urgence, notamment la préparation, l'intervention et le relèvement initial;
12°	<b>imicungire y'ibiza:</b> uburyo bunoze bwo gukoresha amabwiriza y'ubuyobozi, ibigo, ubumenyigiro, n'ubushobozi mu gushyira mu bikorwa ingamba, politiki n'ubushobozi buteye imbere hagamijwe gukumira, kugabanya, kwitegura iyugariza ry'ibiza, gutabara ahabaye ibiza, gusubiza cyangwa gushyira mu buryo ibyangijwe nabyo;	12°	<b>disaster management:</b> systematic process of using administrative directives, institutions, operational skills and capacities to implement strategies, policies and improved coping capacities in order to prevent and mitigate disasters, prepare for imminent disasters, rehabilitate or reconstruct damages caused by disasters.	12°	<b>gestion des catastrophes:</b> processus de recours systématique aux directives administratives, aux institutions, aux compétences opérationnelles, et aux capacités pour mettre en œuvre les politiques et stratégies de réponse appropriées visant la prévention, l'atténuation des catastrophes, la préparation, le redressement ou la réparation de ce qui été endommagé;
13°	<b>imyitegurire:</b> ubumenyi, ubushobozi n'ingamba bishyirwaho na za Leta, ibigo, imiryango cyangwa abantu ku giti cyabo bafite mu nshingano zabo ubutabazi, hagamijwe kwitegura	13°	<b>preparedness:</b> knowledge, capacities and strategies developed by governments, professional response and recovery organizations, communities and individuals to	13°	<b>état de préparation:</b> connaissances, capacités et stratégies développées par les Etats, les professionnels d'intervention et les organisations, les populations et les individus, pour

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

	mbere y'igihe kuzahangana n'ibiza ibi n'ibi bishobora kubaho, byugarije cyangwa byabaye, cyangwa se kuzagoboka abantu cyangwa ibintu byazagwirirwa nabyo;		effectively anticipate, respond to any disaster, and recover from, the impacts of likely, imminent or current hazard events or conditions;		anticiper, répondre à et se remettre de façon efficace des effets d'aléas ou de conditions dangereuses probables, imminentes ou en cours;
14°	<b>kuburizamo:</b> gukumira ku buryo bwuzuye ibiza byugarije cyangwa bishobora kubaho;	14°	<b>prevention:</b> outright avoidance of adverse impacts of hazards or probable disasters;	14°	<b>prévention:</b> ensemble d'activités permettant d'éviter complètement l'impact négatif des aléas ou des désastres probables;
15°	<b>kugabanya ubukana:</b> uburyo bwo koroshya no kugabanya ingaruka mbi z'ibyago byugarije n'iz'ibiza bijyanye na byo;	15°	<b>mitigation:</b> method of lessening or limitation of the adverse impacts of hazards and related disasters;	15°	<b>atténuation:</b> méthode de réduction ou de limitation de l'impact négatif des aléas et des catastrophes qui leur sont associées;
16°	<b>Minisiteri:</b> Minisiteri ifite imicungire y'ibiza mu nshingano zayo;	16°	<b>Ministry:</b> Ministry in charge of disaster management;	16°	<b>Ministère:</b> Ministère ayant la gestion des catastrophes dans ses attributions ;
17°	<b>Minisitiri:</b> Minisitiri ufite imicungire y'ibiza mu nshingano ze;	17°	<b>Minister:</b> Minister in charge of disaster management;	17°	<b>Ministre:</b> Ministre ayant la gestion des catastrophes dans ses attributions ;
18°	<b>ubufasha mvamahanga mu birebana n'ibiza:</b> ibikorwa by'ubutabazi n'iby'izahura ry'ibanze ry'abahuye n'ibiza bikoze n'abafatanyaga bikorwa mpuzamahanga ubwabo cyangwa se bikoze cyangwa bizanywe mu Rwanda mu izina ryabo;	18°	<b>international assistance in case of disaster:</b> any disaster relief and initial recovery assistance that is provided by assisting international actors, or imported or otherwise brought to Rwanda from abroad by or on behalf of assisting international actors;	18°	<b>aide internationale en cas de catastrophe:</b> secours et assistance au relèvement initial qui, lors d'une catastrophe, sont fournis par des acteurs internationaux prêtant assistance, ou importés ou apportés d'une autre manière sur le territoire rwandais depuis l'étranger par des acteurs internationaux prêtant assistance ou en leur nom;

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

- 19° **uburyo bw'iburira:** urusobe rw'ubushobozi n'ibikorwa bikenerwa mu gushaka no gukwirakwiza amakuru y'ukuri ateguza abantu mbere y'igihe, hagamijwe gufasha abantu, imiryango, ibigo, kimwe n'ibihugu byugarijwe n'amakuba, kugira ngo abo bireba babashe gufata ingamba zihamye zo kwitegura hakiri kare kugira ngo bagabanye ibyago byashoboraga kubagwirira;
- 20° **ubushobozi bwo guhangana:** ubushobozi umuryango uyu n'uyu wugarijwe n'icyago uba ufite bwo guhangana na cyo, kugikumira cyangwa kukiburizamo, cyangwa se kwikura mu ngaruka zacyo mu gihe gikwiye kandi ku buryo buhamye, nko kuba ushobora gusana cyangwa gusubizaho imiterere n'imikorere yariho mbere y'uko icyo kiza kiba;
- 21° **umufatanyabikorwa :** umuntu ku giti cy'e, umuryango utari uwa Leta, ikigo cyangwa igihugu cy'amahanga bagoboka abagwiriwe n'ibiza;
- 22° **umukozi w'imbere mu gihugu:** umunyarwanda cyangwa abandi bantu bose batuye mu Rwanda bakoreshwa n'umufatanyabikorwa mu rwego rwo gukora imirimo ijyanye no gufasha cyangwa iyo gusana ibyangijwe n'ibiza;
- 19° **early warning system:** a set of capacities needed to generate and disseminate timely and meaningful warning information to enable individuals, communities, organizations and other States threatened by a hazard to prepare and to act appropriately and in sufficient time to reduce the possibility of harm or loss;
- 20° **resilience:** ability of a community or society exposed to hazards to resist, absorb, accommodate to and recover from the effects of a hazard in a timely and efficient manner, including through the preservation and restoration of its essential basic structures and functions;
- 21° **assisting actor:** individual, non-governmental organisation, entity or foreign state assisting disaster-affected communities;
- 22° **locally engaged personnel:** any Rwandan or other persons domiciled in Rwanda who are recruited as staff by assisting actor to provide disaster relief or initial recovery assistance;
- 19° **système d'alerte précoce:** ensemble des capacités nécessaires pour produire et diffuser en temps opportun et utile des informations d'alerte permettant à des individus, des populations, des organisations et des pays menacés par un danger, de se préparer et d'agir de façon appropriée en temps utile pour réduire le risque de dommage ou de perte;
- 20° **résilience:** capacité d'une communauté quelconque exposée aux risques à résister, absorber, accueillir et corriger les effets d'un désastre, en temps opportun et de manière efficace, notamment par la préservation et la restauration de ses structures essentielles et de ses fonctions de base;
- 21° **acteur prêtant assistance:** individu, organisation non-gouvernementale, entité ou Etat étranger prêtant assistance aux populations touchées par la catastrophe;
- 22° **personnel local:** un ressortissant rwandais ou personnes domiciliées au Rwanda qui sont recrutés comme employés par un acteur prêtant assistance pour fournir des secours ou une assistance au relèvement initial en cas de catastrophe ;

23° **umukozi w'umunyamahanga:** umukozi cyangwa umukorerabushake w'umunyamahanga ukoresheya n'umufatanyabikorwa utanga ibikorwa byo gufasha cyangwa iby'ubutabazi mu Rwanda mu gihe cy'ibiza.

**Ingingo ya 3: Inshingano ya Leta ku bijyanye n'imirungire y'ibiza**

Leta ifite inshingano y'ibanze ku bijyanye n'imirungire y'ibiza.

**Ingingo ya 4: Ibicyiro by'ibiza**

Ibiza biri mu bicyiro bikurikira:

- 1° **Icyiciro cya kane:** ibiza birenze ubushobozi bw'Igihugu;
- 2° **Icyiciro cya gatatu:** ibiza byabaye mu Karere runaka bigacungwa hifashishijwe ubushobozi bwa Minisiteri n'abafatanyabikorwa bayo;
- 3° **Icyiciro cya kabiri:** ibiza byabereye mu Karere runaka bigacungwa hifashishijwe ubushobozi bw'Akarere n'abafatanyabikorwa bako;

23° **international personnel:** staff or volunteer of any assisting actor providing disaster relief or initial recovery assistance in Rwanda, being persons who are foreign nationals.

**Article 3: Responsibility of Government for disaster management**

Primary responsibility for disaster management shall rest with the Government.

**Article 4: Disaster categories**

Disasters shall be classified into the following categories:

- 1° **Category 4:** a disaster which is beyond the Country's means;
- 2° **Category 3:** a disaster which occurs in any District and is managed using resources from the Ministry and its partners;
- 3° **Category 2:** a disaster which occurs in any District and which is managed using resources available in the District in collaboration with its partners;

23° **personnel international:** employé ou volontaire d'un acteur prêtant assistance qui, lors d'une catastrophe, fournit des secours ou une assistance au relèvement initial sur le territoire rwandais et qui sont de nationalité étrangère.

**Article 3: Responsabilité de l'Etat dans la gestion des catastrophes**

L'Etat a la responsabilité primordiale dans la gestion des catastrophes.

**Article 4: Catégories des catastrophes**

Les catastrophes sont classées dans les catégories suivantes :

- 1° **Catégorie 4:** une catastrophe qui est au-delà des moyens du pays;
- 2° **Catégorie 3:** une catastrophe survenue dans un District et gérée en utilisant les ressources du Ministère et de ses partenaires;
- 3° **Catégorie 2:** une catastrophe survenue dans un District et gérée en utilisant les ressources disponibles dans le District en collaboration avec ses partenaires;

4° **Icyiciro cya mbere:** ibiza byabereye mu Murenge runaka bigacungwa hifashishijwe ubushobozi bw'Umurenge n'abafatanyabikorwa bawo.

4° **Category 1:** a disaster which has occurred in a Sector and is managed using resources available in the Sector in collaboration with its partners.

4° **Catégorie 1:** une catastrophe survenue dans le Secteur et gérée en utilisant les ressources disponibles dans le Secteur en collaboration avec ses partenaires.

**Ingingo ya 5: Amahame y'imicungire y'ibiza**

Amahame akurikira agomba kwitabwaho mu micungire y'ibiza:

- 1° kugira ubufatanye, ubuhuzabikorwa n'ubwumvikane;
- 2° kugira ubumuntu, kutabogama no gukorera mu mucyo;
- 3° kuzirikana abafite intege nke;
- 4° kwita ku biza byose bishobora kuba;
- 5° kwita ku biza bishobora guterwa n'ibindi biza;
- 6° kudakabiriza no kudapfobya ibiza bishobora kuba;
- 7° kudakabiriza no kudapfobya ingaruka z'ibiza byabayeye;
- 8° kuburira abaturage bashobora

**Article 5: Disaster management principles**

The following principles must be given consideration in disaster management:

- 1° to act in the spirit of collaboration, mutual understanding and coordination;
- 2° to promote humanism, impartiality and transparency;
- 3° to take into account particularities of vulnerable groups;
- 4° to consider all disasters that may occur;
- 5° to consider disasters that may arise from other disasters;
- 6° not to exaggerate or minimize the impact of possible disasters;
- 7° not to exaggerate or minimize the effects of disasters having occurred;
- 8° to alert the population before disaster

**Article 5: Principes de gestion des catastrophes**

Les principes suivants doivent être pris en considération dans la gestion des catastrophes:

- 1° œuvrer dans un esprit de collaboration, d'entente et de coordination;
- 2° promouvoir l'humanisme, l'impartialité et la transparence;
- 3° considérer la particularité des groupes vulnérables;
- 4° considérer toutes les catastrophes susceptibles de survenir;
- 5° considérer les catastrophes pouvant découler d'autres catastrophes;
- 6° ne pas exagérer ou minimiser l'impact de catastrophes possibles;
- 7° ne pas exagérer ou minimiser les effets des catastrophes survenues;
- 8° alerter la population avant que la



*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

9°	kugwirirwa n'ibiza mbere y'uko biba; kwirinda gukusanya amakuru adafite aho ahuriye n'imirungire y'ibiza;	9°	strikes; to avoid collecting information not related to disaster management;	9°	catastrophe ne frappe; ne pas collecter les informations sans rapport avec la gestion des catastrophes;
10°	kutaba igikoresho cy'inyungu bwite z'uwo ari we wese;	10°	not to act for anybody's personal interests;	10°	ne pas être l'outil des intérêts privés d'une quelconque personne;
11°	kumenya no kubaha abagenerwabikorwa;	11°	to identify and respect beneficiaries;	11°	identifier et respecter les bénéficiaires;
12°	kubahiriza ihame ry'uburinganire;	12°	to respect the principle of gender;	12°	respecter le principe du genre ;
13°	gutabara abagwiriwe n'ibiza bose no gutanga ubufasha hitabwa ku bashegeshwe kurusha abandi;	13°	to provide assistance to all disaster victims particularly to the most affected people;	13°	apporter assistance à toutes les personnes touchées et en particulier aux personnes les plus touchées;
14°	gutabara bikorwa ibiza bikimara kuba n'igihe birimo kuba mu gihe bishoboka;	14°	to respond to a disaster immediately after the disaster and if possible during the occurrence of the disaster;	14°	apporter une intervention directement après la catastrophe et, autant que possible, lors de la catastrophe;
15°	gusana no gushyira mu buryo ibyangijwe n'ibiza bikorwa ku buryo ibisanwa cyangwa ibishyirwa mu buryo bishobora guhangana n'ibiza byagaruka;	15°	to rehabilitate and reconstruct disaster damages by integrating resilience to disasters likely to recur;	15°	réhabiliter et réparer les dommages des catastrophes en intégrant la résilience aux catastrophes susceptibles de se reproduire ;
16°	gusana no gushyira mu buryo bikorwa hibandwa ku bikorwa bifitiye abantu benshi akamaro kandi hibandwa ku hantu hashegeshwe kurusha ahandi.	16°	to carry out rehabilitation and recovery by giving priority to public facilities and to the most affected areas.	16°	procéder à la réhabilitation et au redressement en privilégiant les installations publiques et les lieux les plus affectés.

**Ingingo ya 6: Umwihariko mu gutabara abafite ubumuga mu gihe cy'ibiza**

Ufite ubumuga agomba gutabarwa no kwitabwaho by'umwihariko mu gihe cy'ibiza.

**UMUTWE WA II: INZEGO Z'IMICUNGIRE INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAZO**

**Icyiciro cya mbere: Inzego z'imicungire y'ibiza**

**Ingingo ya 7: Ishyirwaho ry'inzego z'imicungire y'ibiza**

Hashyizweho inzego z'imicungire y'ibiza zikurikira :

- 1° Komite y'imicungire y'ibiza ku rwego rw'Igihugu "NADIMAC" mu magambo ahinnye y'icyongereza;
- 2° Komite tekini y'imicungire y'ibiza ku rwego rw'Igihugu "NADIMATEC" mu magambo ahinnye y'icyongereza;
- 3° Komite y'imicungire y'ibiza ku rwego rw'Akarere, "DIDIMAC" mu magambo ahinnye y'icyongereza;

**Article 6: Special assistance to persons with disabilities in case of disaster**

In case of disaster, special relief and assistance services shall be made available to persons with disabilities.

**CHAPTER II: DISASTER MANAGEMENT ORGANS AND THEIR RESPONSIBILITIES, ORGANIZATION AND FUNCTIONING**

**Section One: Disaster management organs**

**Article 7: Establishment of disaster management organs**

There is hereby established the following disaster management organs:

- 1° National Disaster Management Committee, abbreviated as "NADIMAC";
- 2° National Disaster Management Technical Committee, abbreviated as "NADIMATEC";
- 3° District Disaster Management Committee, abbreviated as "DIDIMAC";

**Article 6: Assistance particulière aux personnes handicapées en cas de catastrophe**

En cas de catastrophe, la personne handicapée doit bénéficier des services de secours et d'assistance particuliers.

**CHAPITRE II: ORGANES DE GESTION DES CATASTROPHES ET LEURS ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT**

**Section première: Organes de gestion des catastrophes**

**Article 7: Création des organes de gestion des catastrophes**

Il est créé des organes de gestion des catastrophes suivants :

- 1° le Comité National de gestion des catastrophes, «NADIMAC» en sigle anglais;
- 2° le Comité National Technique de gestion des catastrophes ; « NADIMATEC » en sigle anglais;
- 3° le Comité de District de gestion des catastrophes, « DIDIMAC » en sigle anglais;

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

- |   |  |  |
|---|--|--|
| 4° Komite y'amicungire y'ibiza ku rwego rw'Umurenge, "SEDIMAC" mu magambo ahinnye y'icyongereza;          | 4° Sector Disaster Management Committee, abbreviated as "SEDIMAC";   | 4° le Comité de Secteur de gestion des catastrophes, « SEDIMAC » en sigle anglais; |
| 5° Ihuriro Ngishwanama ku micungire y'ibiza ku rwego rw'Igihugu, "NPDM" mu magambo ahinnye y'icyongereza. | 5° National Platform for Disaster Management, abbreviated as "NPDM". | 5° la Plateforme Nationale de gestion des catastrophes, «NPDM» en sigle anglais.   |

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere n'imikorere by'inzeho z'amicungire y'ibiza.

A Prime Minister's Order shall determine the organisation and functioning of disaster management organs.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organisation et le fonctionnement des organes de gestion des catastrophes.

**Icyiciro cya 2: Inshingano z'inzeho z'amicungire y'ibiza**

**Section 2: Responsibilities of disaster management organs**

**Section 2: Attributions des organes de gestion des catastrophes**

**Ingingo ya 8: Inshingano za NADIMAC**

**Article 8: Responsibilities of NADIMAC**

**Article 8: Attributions de NADIMAC**

NADIMAC ifite inshingano zikurikira:

NADIMAC shall have the following responsibilities:

NADIMAC a les attributions suivantes :

- |  |  |   |
|--|--|---|
| 1° gutanga umurongo ngenderwaho w'amicungire y'ibiza hakurikijwe ingamba z'igihugu;                        | 1° to provide disaster management guidelines based on national strategies;                                 | 1° donner les lignes directives pour la gestion des catastrophes suivant les stratégies nationales;   |
| 2° gutanga inama ku nzego bireba ku bijyanye no gukumira, gutabara guhangana no gusana ibyangijwe n'ibiza; | 2° to advise relevant bodies on the prevention of, response to, resilience to and recovery from disasters; | 2° donner aux organes compétents des conseils en matière de prévention des catastrophes, d'intervention, de résilience et de reconstruction en cas de catastrophes; |
| 3° guhuza ibikorwa by'ubutabazi mu nzego zose;   | 3° to coordinate relief efforts within all institutions;   | 3° coordonner les opérations de secours dans toutes les institutions;   |
| 4° gufata ibyemezo bya ngombwa ku  | 4° to take necessary decisions on which  | 4° prendre les décisions nécessaires sur  |

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

cyakorwa ku biza by'urwego rwa gatatu (3) n'urwa kane (4);

actions to be taken in case of categories 3 and 4 disasters;

des mesures à prendre en cas de catastrophes de catégories 3 et 4;

5° gutanga inama ku itangazwa ry'ibihe by'amage.

5° to advise on the state of emergency declaration.

5° donner conseil sur la déclaration de l'état d'urgence.

**Ingingo ya 9: Inshingano za NADIMATEC**

**Article 9: Responsibilities of NADIMATEC**

**Article 9: Attributions de NADIMATEC**

NADIMATEC ifite inshingano zikurikira:

NADIMATEC shall have the following responsibilities:

NADIMATEC a les attributions suivantes :

1° gukora isesengura ry'iyugariza ry'ibiza byose bishobora kugwirira igihugu no gutegura ingamba zo kubikumira;

1° to assess the imminence of all disasters that can hit the country and develop strategies to prevent them;

1° faire l'analyse de l'imminence de toutes les catastrophes pouvant frapper le pays et préparer les stratégies pour les prévenir ;

2° kugira inama mu bya tekini NADIMAC;

2° to provide technical advice to NADIMAC;

2° donner des conseils techniques à NADIMAC;

3° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'ikumira n'igabanyabukana ry'iyugarizwa ry'ibiza;

3° to monitor the implementation of strategies for prevention and mitigation of disaster risk;

3° faire le suivi de la mise en œuvre des stratégies de prévention et d'atténuation du risque de catastrophes;

4° gufasha mu itegurwa ry'ingamba zo gutabara mu gihe habaye ibiza by'urwego rwa gatatu (3) n'urwa kane (4);

4° to provide support in the development of response strategies for categories 3 and 4 disasters;

4° donner un appui dans la préparation des stratégies d'intervention en cas de catastrophes de catégories 3 et 4;

5° gukurikirana iyangijwe ry'imicungire y'ibiza muri gahunda zose z'iterambere;

5° to monitor the mainstream of disaster management in all development programs;

5° faire le suivi de l'intégration de la gestion des catastrophes dans tous les programmes de développement;

6° gukurikirana isana n'ishyirwa mu buryo ry'ibyangijwe n'ibiza;

6° to monitor rehabilitation and recovery in case of damages caused by disasters;

6° faire le suivi de la réhabilitation et du redressement en cas de dommages causés par les catastrophes;

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

- |  |   |  |
|--|---|--|
| 7° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'imicungire y'ibiza ;                  | 7° to monitor the implementation of disaster management strategies;                                   | 7° faire le suivi de la mise en œuvre des stratégies de gestion des catastrophes;                            |
| 8° gushyira mu bikorwa indi nshingano yahabwa na NADIMAC ijyanye n'imicungire y'ibiza. | 8° to fulfil such other responsibility relating to disaster management as may be assigned by NADIMAC. | 8° remplir toute autre attribution en rapport avec la gestion des catastrophes que NADIMAC peut lui confier. |

**Ingingo ya 10: Inshingano za DIDIMAC**

DIDIMAC ifite inshingano zikurikira:

- 1° gukora isesengura ry'ibiza bikunze kwibasira Akarere mu rwego rwo kwirinda, gukumira no kwitegura gutabara;
- 2° gukangurira abaturage kwirinda no gukumira ibiza mu duce batuyemo;
- 3° kwinjiza imicungire y'ibiza muri gahunda zose z'Akarere;
- 4° gutegura ingamba zo gucunga ibiza zigashyirwa mu igenamigambi ry'Akarere cyangwa Umurenge;
- 5° gutegura no gushyikiriza imbanzirimushinga y'ingengo y'imari ikemezwa n'Inama Njyanama no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;

**Article 10: Responsibilities of DIDIMAC**

DIDIMAC shall have the following responsibilities:

- 1° to conduct the assessment of recurrent disasters in the District for protection, prevention and preparedness for response ;
- 2° to raise public awareness on prevention and mitigation of disasters in areas of residence;
- 3° to integrate disaster management into all District programs;
- 4° to develop disaster management programs and integrate them into the District or Sector action plans;
- 5° to prepare and submit the draft budget proposal to be approved by the Council and monitor its execution;

**Article 10 : Attributions de DIDIMAC**

DIDIMAC a les attributions suivantes:

- 1° effectuer l'évaluation des risques de catastrophes au niveau du District en vue de la protection, de la prévention et de préparation à l'intervention;
- 2° sensibiliser la population sur la prévention et l'atténuation des risques de catastrophes dans leurs régions de résidence;
- 3° intégrer la gestion des catastrophes dans tous les programmes du District;
- 4° élaborer les programmes de gestion des catastrophes et les intégrer dans les plans d'action du District ou du Secteur;
- 5° préparer et présenter l'avant-projet de budget devant être approuvé par le Conseil et faire le suivi de son exécution;

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

- |     |  |     |   |     |   |
|-----|--|-----|---|-----|---|
| 6°  | gukurikirana niba Akarere kateganyije ingengo y'imari ku bijyanye n'ibiza;   | 6°  | to ensure the District budgeting for disasters;   | 6°  | s'assurer de l'élaboration par le District d'un budget relatif aux catastrophes;  |
| 7°  | gufata ibyemezo bya ngombwa ku cyakorwa mu biza by'urwego rwa mbere n'urwa kabiri;   | 7°  | to take necessary decisions on actions to be taken in case of categories 1 and 2 disasters;   | 7°  | prendre les décisions nécessaires sur des actions à mener en cas de catastrophes de catégories 1 et 2;  |
| 8°  | kwihutira gutanga amakuru y'ibiza byabaye, berekana ibyo bashoboye gukora n'ibirenze ubushobozi bwabo bikeneye inkunga;                                | 8°  | to provide apt information on disasters which have occurred, specifying operations already conducted and those exceeding their capacity, thus requiring support from other sources; | 8°  | s'empresseur de donner des informations sur les catastrophes survenues, en précisant les opérations déjà réalisées et celles qui dépassent leur capacité nécessitant ainsi un appui provenant d'autres sources; |
| 9°  | gukora isesengura n'ibarura ryimbitse ry'ibyangiritse mu gihe habaye ibiza, guhuza ibikorwa by'ubutabazi no gukurikirana ikoreshwa ry'inkunga zatanze; | 9°  | to carry out comprehensive assessment and stock-taking of damages caused by disasters, coordinate relief and assistance operations and monitor the use of received assistance;      | 9°  | faire l'évaluation et l'inventaire approfondis des dommages causés par les catastrophes, coordonner les opérations de secours et d'assistance et faire le suivi de l'usage de l'aide reçue;                     |
| 10° | gutanga raporo y'Imicungire y'ibiza byabaye guhera mu butabazi kugeza mu isanwa n'isubizwa mu buryo ry'ibyangijwe;                                     | 10° | to submit report on disaster management from relief to rehabilitation and recovery operations;  | 10° | transmettre le rapport sur la gestion des catastrophes depuis les opérations de secours jusqu'à la réhabilitation et le redressement en cas de dommages;  |
| 11° | gushyira mu bikorwa indi nshingano yahabwa na NADIMAC ijyanye n'imicungire y'ibiza.  | 11° | to fulfil such other responsibility relating to disaster management as may be assigned by NADIMAC.  | 11° | remplir toute autre attribution en rapport avec la gestion des catastrophes que NADIMAC peut lui confier.   |

**Ingingo ya 11: Inshingano za SEDIMAC**

SEDIMAC ifite inshingano zikurikira:

**Article 11: Responsibilities of SEDIMAC**

SEDIMAC shall have the following

**Article 11: Attributions de SEDIMAC**

SEDIMAC a les attributions suivantes :

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

responsibilities:

- |    |  |    |  |    |   |
|----|--|----|--|----|---|
| 1° | gukusanya no gusesengura amakuru ajyanye n'imirungire y'ibiza by'icyiciro cya mbere;   | 1° | to collect and analyse information on the management of category 1 disasters;                      | 1° | collecter et analyser les informations relatives à la gestion des catastrophes de catégorie 1;                  |
| 2° | gukangurira abaturage kugira uruhare mu imirungire y'ibiza;                            | 2° | to mobilize the community towards their contribution to disaster management;                       | 2° | mobiliser la population vis-à-vis de leur apport à la gestion des catastrophes ;                                |
| 3° | gushyira mu bikorwa ingamba z'imirungire y'ibiza zafashwe na NADIMAC na DIDIMAC;       | 3° | to implement disaster management strategies as adopted by NADIMAC and DIDIMAC;                     | 3° | mettre en œuvre les stratégies de la gestion des catastrophes prises par le NADIMAC et le DIDIMAC ;             |
| 4° | gukurikirana ibikorwa by'ubutabazi no gutanga ubufasha bw'ibanze ku bagwiriye n'ibiza; | 4° | to monitor relief operations and provide basic assistance to disaster victims;                     | 4° | faire le suivi des opérations de secours et offrir l'aide de première nécessité aux victimes des catastrophes ; |
| 5° | gushyira mu bikorwa indi nshingano yahabwa na DIDIMAC ijyanye n'imirungire y'ibiza.    | 5° | to fulfil such other responsibility relating to disaster management as may be assigned by DIDIMAC. | 5° | remplir toute autre attribution en rapport avec la gestion des catastrophes que DIDIMAC peut lui confier.       |

**Ingingo ya 12: Inshingano za NPDM**

NPDM ifite inshingano zikurikira:

- 1° gutanga inama kuri politiki n'ingamba by'igihugu mu imirungire y'ibiza;
- 2° kugira uruhare mu gusesengura amakuba ashobora guteza ibiza

**Article 12: Responsibilities of NPDM**

NPDM shall have the following responsibilities:

- 1° to provide advice on the national disaster management policy and strategies;
- 2° to participate in the analysis of disaster risks and damages;

**Article 12: Attributions de la NPDM**

La NPDM a les attributions suivantes :

- 1° donner des conseils sur la politique et les stratégies nationales en matière de gestion des catastrophes;
- 2° participer à l'analyse des risques de catastrophe et de dommages

n'ibyangijwe na byo;

3° gufatanya n'inzeho z'igihugu zifite mu nshingano gushyiraho ingamba zo kwifashisha mu micungire y'ibiza;

4° kujya inama ku bijyanye n'ubutabazi, mu isana n'ishyirwa mu buryo ry'ibyangijwe n'ibiza;

5° gukusanya no guhana amakuru n'ubumenyi mu bya tekini bikenewe mu micungire y'ibiza.

3° to collaborate with institutions in charge of the development of disaster management strategies;

4° to provide advice on relief, rehabilitation and recovery operations with respect to damages caused by disasters;

5° to collect and share information and technical skills necessary for disaster management.

causés par des catastrophes;

3° collaborer avec les institutions ayant dans leurs attributions la mise en place des stratégies de gestion des catastrophes;

4° donner conseil en rapport avec les opérations de secours, de réhabilitation et de redressement des dommages causés par des catastrophes;

5° collecter et échanger les informations et les connaissances techniques nécessaires à la gestion des catastrophes.

### **UMUTWE WA III: IKUMIRA N'IGABANYABUKANA RY'IBIZA**

#### **Ingingo ya 13 : Iburira n'ihanahana ry'amakuru y'ibiza**

Minisiteri ifatanyije n'izindi nzego zigira uruhare mu micungire y'ibiza zishyiraho uburyo bwo kuburira abantu mbere y'uko ibiza biba hagamijwe kubikumira no kugabanya ingaruka zabyo.

Zishyiraho kandi uburyo amakuru atandukanye ajyanye n'ibiza agezwa ku baturarwanda.

### **CHAPTER III: PREVENTION AND MITIGATION OF DISASTERS**

#### **Article 13: Warning and communication system for disasters**

The Ministry, together with other organs in charge of disaster management, shall develop a warning system for disasters in order to prevent them and mitigate their effects.

They shall also put in place a mechanism for providing the inhabitants of Rwanda with various information related to disaster

### **CHAPITRE III: PREVENTION ET ATTENUATION DES CATASTROPHES**

#### **Article 13: Alerte et communication en cas de catastrophes**

Le Ministère, en collaboration avec d'autres organes ayant la gestion des catastrophes dans leurs attributions, mettent en place un système d'alerte aux catastrophes en vue de la prévention et de l'atténuation des effets des catastrophes.

Ils mettent également en place un système permettant de communiquer aux habitants du Rwanda différentes informations relatives aux catastrophes.



Minisitiri akurikirana uburyo ibivugwa mu bika bibiri (2) bibanziriza iki bishyirwa mu bikorwa.

**Ingingo ya 14 : Ubwishingizi**

Inyubako rusange n'ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi bigomba gufatirwa ubwishingizi kugira ngo bizabashe kwishyurwa mu gihe byangijwe n'ibiza.

**UMUTWE WA IV: UBWITEGURE N'UBUTABAZI MU GIHE CY'IBIZA**

**Icyiciro cya mbere: Imyiteguro y'ubutabazi mu gihe cy'ibiza**

**Ingingo ya 15: Ubukorerabushake mu gihe cy'ibiza**

Ubukorerabushake bushobora gukorwa mu rwego rwo kongera ubushobozi bwo gutabara igihe habaye ibiza.

Iteka rya Minisitiri rigena uko abakorerabushake mu gihe cy'ubutabazi bashakwa n'imikorere yabo.

**Ingingo ya 16: Kubaka ubushobozi mu micungire y'ibiza**

Mu rwego rwo kubaka ubushobozi, Minisitiri, Uturere, Imirenge n'izindi nzego zifite

The Minister shall make follow up on the implementation of the provisions of the two (2) preceding paragraphs.

**Article 14 : Insurance**

Public buildings and other public places shall be covered by insurance for compensation in case of damage due to disasters.

**CHAPTER IV: DISASTER PREPAREDNESS AND RESPONSE**

**Section One : Response preparedness in case of disasters**

**Article 15 : Volunteering during disasters**

A voluntary action may be carried out in order to boost the responding capacity in case of disaster outbreak.

An Order of the Minister shall determine modalities for the mobilization and organization of the voluntary action in case of disaster response.

**Article 16: Capacity building for disaster management**

The Ministry, Districts, Sectors and other organs in charge of disaster management

Le Ministre fait le suivi de la mise en application des dispositions des deux (2) alinéas précédents.

**Article 14 : Assurance**

Les bâtiments publics et d'autres lieux publics sont assurés en vue d'indemnisation en cas d'endommagement par des catastrophes.

**CHAPITRE IV: PREPARATION ET INTERVENTION EN CAS DE CATASTROPHES**

**Section première: Préparation des secours en cas de catastrophes**

**Article 15: Volontariat en cas de catastrophe**

Un volontariat peut être mené dans le but de renforcer les efforts d'intervention en cas de survenance de catastrophes.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de mobilisation et d'organisation du volontariat en cas d'intervention.

**Article 16: Renforcement des capacités en matière de gestion des catastrophes**

Dans le cadre de renforcement des capacités en matière de gestion des catastrophes, le

imicungire y'ibiza mu nshingano bitegura amahugurwa n'ibindi bikenewe byo kongerera ubushobozi abakozi n'abaturage ku bijyanye n'imicungire y'ibiza.

**Ingingo ya 17: Ububiko bw'ibikenerwa mu butabazi**

Minisiteri, Uturere, Imirengere n'izindi nzego zigira uruhare mu micungire y'ibiza bishyiraho ububiko bw'ibikenerwa mu butabazi.

**Icyiciro cya 2: Ubutabazi n'ubufasha**

**Akiciro ka mbere: Ubutabazi n'ubufasha bw'imbere mu gihugu**

**Ingingo ya 18: Isesengura ry'ibanze ku miterere n'ingaruka z'ibiza byabaye**

Ubuyobozi bw'urwego ibiza byabereyeho buhita bukorera isesengura ry'ibanze rigaragaza imiterere n'ingaruka ibyabaye.

Ibyavuye muri iri sesengura ry'ibanze bishyikirizwa urwego rwisumbuye.

shall, for the purpose of building capacity in disaster management, provide training and any other necessary means for the staff and the population.

**Article 17: Response emergency store**

The Ministry, Districts, Sectors and other organs in charge of disaster management shall put in place response emergency stores.

**Section 2: Response and assistance**

**Sub Section One: Domestic response and assistance**

**Article 18: Initial assessment on character and impact of disaster**

The administration at the level of which a disaster has occurred shall immediately after the disaster outbreak, carry out an initial assessment of the situation and impact of the disaster.

The results of the initial assessment shall be submitted to the higher organ.

Ministère, les Districts, les Secteurs ainsi que les autres organes ayant la gestion des catastrophes dans leurs attributions, organisent la formation et apprennent d'autres moyens nécessaires en faveur du personnel et de la population.

**Article 17: Stock d'urgence en cas de catastrophes**

Le Ministère, les Districts, les Secteurs ainsi que d'autres organes ayant la gestion des catastrophes dans leurs attributions mettent en place des stocks d'urgence.

**Section 2: Intervention et assistance**

**Sous-Section première: Intervention et assistance locales**

**Article 18: Evaluation initiale de la situation et impact des catastrophes**

Immédiatement après une catastrophe, l'administration du lieu de survenance de la catastrophe procède à l'évaluation initiale de la situation et de l'impact de cette catastrophe.

Les résultats de cette évaluation initiale sont transmis à l'instance supérieure.

**Ingingo ya 19: Itangazwa ry'ibihe by'amage**

Hashingiwe ku bukana, ku buremere n'ingaruka z'ibiza NADIMAC igira inama Perezida wa Repubulika ku bijyanye no gutangaza ibihe by'amage.

**Ingingo ya 20: Ubuziranenge bw'imfashanyo**

Imfashanyo y'ibintu cyangwa serivisi bihabwa abahuye n'ibiza bigomba kuba byujuje ubuziranenge hakurikijwe amategeko agenga ubuziranenge mu Rwanda.

**Akiciro ka 2: Ubutabazi n'ubufasha mvamahanga**

**Ingingo ya 21: Kwitabaza inkunga n'ubufasha mvamahanga**

Mu gihe bigaragaye ko ubushobozi bw'Igihugu budahagije mu gutabara no gufasha abagwiririrwe n'ibiza bitewe n'ubukana bwabyo, NADIMAC igira inama Guverinoma yo kwitabaza inkunga n'ubufasha mvamahanga.

**Article 19: State of siege declaration**

Based on the gravity, scale and impact of disasters, NADIMAC shall advise the President of the Republic in connection with the declaration of a state of siege.

**Article 20: Quality of assistance**

The assistance in the form of goods and services that is provided to disaster-affected communities shall meet quality standards in accordance with laws relating to standards applicable in Rwanda.

**Sub section 2: International response and assistance**

**Article 21: Seeking international response and assistance**

When it appears that domestic response and assistance capacities are not sufficient due to the scale of the disaster, NADIMAC shall advise the Government to seek international response and assistance.

**Article 19: Déclaration de l'état de siège**

Se fondant sur l'évaluation de la gravité, de l'ampleur et de l'impact d'une catastrophe, NADIMAC donne conseil au Président de la République sur la déclaration d'un état de siège.

**Article 20: Qualité de l'assistance**

L'assistance sous la forme de biens et de services fournie aux populations touchées par la catastrophe répond aux normes de qualité conformément aux lois régissant la normalisation en vigueur au Rwanda.

**Sous-Section 2: Intervention et assistance internationales**

**Article 21: Recours à l'intervention et assistance internationales**

Lorsqu'il s'avère que les capacités locales d'intervention et d'assistance aux personnes touchées par la catastrophe sont insuffisantes en raison de l'ampleur de la catastrophe, NADIMAC conseille au Gouvernement de faire recours à l'intervention et aide internationales.

**Ingingo ya 22: Gusaba gutanga ubutabazi n'ubufasha**

Ibihugu n'imiryango mpuzamahanga bishaka gutanga ubutabazi n'ubufasha mu gihe cy'ibiza bibisaba Minisiteri mu nyandiko binyujijwe muri Minisiteri ifite Ububanyi n'Amahanga mu nshingano zayo.

Inyandiko zibisaba zigomba kugaragaza ubufasha n'imiterere yabwo n'igihe buzatangirwa.

**Ingingo ya 23: Kwemera cyangwa kwanga ubutabazi n'ubufasha mvamahanga**

Ishingiye ku busabe bwa NADIMAC, Guverinoma ishobora kwemera cyangwa kwanga ubutabazi n'ubufasha mvamahanga bwatanzwe.

**Ingingo ya 24: Itangira n'irangira ry'igihe cy'ubufasha n'icy'ubutabazi by'ibanze**

Ibihe by'ubufasha n'ubutabazi by'ibanze ku bagwiriwe n'ibiza bitangira ibiza bikimara kuba bikarangira abagwiriwe nabyo bamaze gusubizwa mu buzima busanzwe.

**Article 22: Application for authorization for response and assistance**

States and international organizations wishing to provide response and assistance following a disaster outbreak shall apply for authorization in writing to the Ministry through the Ministry in charge of Foreign Affairs.

Applications must indicate the type and nature of the assistance as well as the period for delivery of the assistance.

**Article 23: Acceptance or refusal of international response and assistance**

Upon request by NADIMAC, the Government may accept or refuse international response and assistance offered.

**Article 24: Beginning and end of disaster relief and initial recovery period**

Disaster relief and initial recovery periods shall both commence immediately after the occurrence of the disaster and end with the completion of the rehabilitation process for disaster-affected communities.

**Article 22: Demande d'autorisation d'intervention et d'assistance**

Les Etats et les organisations internationales qui souhaitent apporter une intervention et l'assistance suite à la survenance d'une catastrophe en font une demande écrite adressée au Ministère sous couvert du Ministère ayant les Affaires Etrangères dans ses attributions.

Les demandes indiquent le type et la nature d'assistance ainsi que les délais de fourniture de cette assistance.

**Article 23: Acceptation ou refus de l'intervention et assistance internationales**

Sur demande de NADIMAC, le Gouvernement peut accepter ou refuser l'offre de l'intervention et assistance internationales.

**Article 24: Début et fin de la phase de secours et de relèvement initial**

Les phases de secours et de relèvement initial débutent dès la survenance de la catastrophe et se terminent avec la fin du processus de réhabilitation des populations touchées par la catastrophe.

**Akiciro ka 3: Iyoroherazwa ryemewe n'amategeko**

**Ingingo ya 25: Ibishingirwaho mu kwemerera usaba koroherezwa**

Abafatanyabikorwa mu by'ubutabazi basaba ubwoherewe bagomba kugaragaza ubushobozi bafite bwo gufasha abagwiriwe n'ibiza no kwiyemeza gukurikiza amategeko y'igihugu.

Ibikubiye mu bushobozi buvugwa mu gika kibanziriza iki bugenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 26 : Abahabwa iyoroherazwa mu by'ubutabazi**

Abahabwa iyoroherazwa mu by'ubutabazi ni abafatanyabikorwa b'abanyamahanga n'ab'imbere mu gihugu bemerewe, kandi iyoroherazwa rigakorwa mu buryo bukurikije amategeko.

**Ingingo ya 27 : Uburyo abafatanyabikorwa mu by'ubutabazi basaba iyoroherazwa**

Abafatanyabikorwa mvamahanga n'ab'imbere mu gihugu mu by'ubutabazi bashaka iyoroherazwa babisaba mu nyandiko urwego rubishinzwe binyujijwe kuri Minisitiri.

**Sub Section 3: Eligibility to legal facilitation**

**Article 25: Requirements for acceptance of application to legal facilitation**

All assisting actors seeking eligibility for legal facilitation must indicate their capacities to provide assistance to disaster-affected communities and comply with domestic legislation.

Details about the capacities referred to in the preceding paragraph shall be determined by an Order of the Minister.

**Article 26: Beneficiaries of response facilitation**

Legal facilitation shall be granted to assisting international and domestic actors deemed eligible, and in accordance with the law.

**Article 27: Modalities for application for eligibility to legal facilitation by assisting actors**

Domestic and international assisting actors in response seeking eligibility for legal facilitation shall apply in writing to the relevant organ through the Ministry.

**Sous-Section 3: Eligibilité aux facilités juridiques**

**Article 25: Conditions exigées pour l'octroi de l'admissibilité aux facilités juridiques**

Tous les acteurs prêtant assistance qui souhaitent être déclarés admissibles aux facilités juridiques doivent indiquer leurs capacités en termes d'assistance aux populations touchées par la catastrophe et se conformer à la législation nationale.

Les détails sur les capacités visées à l'alinéa précédent sont définis par arrêté du Ministre.

**Article 26: Bénéficiaires des facilités d'intervention**

Les facilités juridiques sont accordées aux acteurs internationaux et locaux prêtant assistance réputés admissibles, et ce, conformément à la loi.

**Article 27: Formalités à effectuer par les acteurs prêtant assistance pour être déclarés admissibles aux facilités juridiques**

Les acteurs locaux et internationaux prêtant assistance désireux de bénéficier des facilités juridiques en font une demande écrite adressée à l'organe compétent sous couvert du

Ministère.

**Ingingo ya 28: Iyemezwa ry'ibikorwa na gahunda by'ubufasha n'ubutabazi mu gihe cy'ibiza**

Ibikorwa na gahunda by'ubufasha n'ubutabazi mu gihe cy'ibiza, bikozwe n'abafatanyabikorwa babyibwirije cyangwa babisabwe bigomba kwemezwa na Minisitiri.

**Ingingo ya 29: Kwemera cyangwa kwanga ubusabe bw'iyoroherezwa**

Kwemera cyangwa kwanga ubusabe bw'iyoroherezwa bikorwa mu nyandiko n'urwego rubishinzwe, bikamenyeshwa NADIMAC.

**Ingingo ya 30: Irangira ry'iyoroherezwa**

Iyoroherezwa rivugwa muri iri tegeko rirangira iyo :

- 1° facilitation igihe cy'ubufasha n'ubutabazi kirangiye;
- 2° ibyo yaherewe iyoroherewe birangiye;
- 3° umufatanyabikorwa ahagaritswe mu bikorwa by'ubutabazi ;

**Article 28: Approval of response and assistance operations and plans in case of disasters**

Response and assistance operations and plans developed by assisting actors on their own initiative or upon request shall be approved by the Minister.

**Article 29: Acceptance or refusal of application for eligibility to legal facilitation**

The acceptance or refusal of the application for legal facilitation shall be done in writing by the relevant organ and notified to NADIMAC.

**Article 30: Termination of eligibility to legal facilitation**

The eligibility for legal facilitation referred to in this law shall be terminated when:

- 1° the period for response and assistance comes to an end;
- 2° the eligibility certificate expires;
- 3° an assisting actor is stopped from carrying out response operations;

**Article 28: Approbation des opérations et des plans d'intervention et d'assistance en cas de catastrophes**

Les opérations et les plans d'intervention et d'assistance réalisés par les acteurs prêtant assistance de leur propre initiative ou sur demande sont approuvés par le Ministre.

**Article 29: Octroi ou refus de l'admissibilité aux facilités juridiques**

L'octroi ou le refus de l'admissibilité aux facilités juridiques se fait par écrit par l'organe compétent et est notifié au NADIMAC.

**Article 30: Fin de l'admissibilité aux facilités juridiques**

L'admissibilité aux facilités juridiques visée par la présente loi prend fin lorsque :

- 1° la phase d'intervention et d'assistance est terminée;
- 2° le certificat d'admissibilité expire;
- 3° l'acteur prêtant assistance est contraint d'arrêter ses opérations d'intervention;

4° umufatanyabikorwa imirimo y'ubutabazi.

ahagaritse

4° an assisting actor stops response operations.

4° l'acteur prêtant assistance suspend ses opérations d'intervention.

**Ingingo ya 31:** ry'iyambukiranyamipaka

**Article 31:** Transit facilitation

**Article 31:** Facilitation du transit

Leta y'u Rwanda yoroheraza iyambukiranyamipaka ku mfashanyo zinyuze ku butaka bw'u Rwanda zigiye gutabara ahabaye ibiza.

The Government of Rwanda shall facilitate the transit through the Rwandan territory of assistance to disaster-affected areas.

L'Etat rwandais facilite le transit sur le territoire rwandais d'une assistance vers les zones touchées par une catastrophe.

Iryo yoroherazwa rikorwa mu gihe n'uburyo bigaragara mu masezerano akorwa hagati y'impande bireba.

Such facilitation shall be offered under such terms and such circumstances as set out in the agreement between the relevant parties.

Une telle facilitation est accordée selon les modalités et dans les circonstances prévues par la convention entre les parties concernées.

**UMUTWE WA V : ISANA N'ISHYIRWA MU BURYO RY'IBYANGIJWE N'IBIZA**

**CHAPTER V: REHABILITATION AND RECOVERY DUE TO DISASTERS**

**CHAPITRE V: REHABILITATION ET REDRESSEMENT SUITE AUX CATASTROPHES**

**Ingingo ya 32 : Isana n'ishyirwa mu buryo nyuma y'ibiza**

**Article 32: Rehabilitation and recovery after disaster**

**Article 32: Réhabilitation et redressement après catastrophe**

Kuri buri rwego rw'ibiza isana n'ishyirwa mu buryo:

Depending on the disaster category, rehabilitation and recovery shall:

Selon la catégorie des catastrophes, la réhabilitation et le redressement se rapportent:

1° rikorwa ku bantu bari barakomeretse cyangwa bari barahungabanyijwe n'ibiza;

1° be directed to the people who suffered injuries or trauma following disaster ;

1° aux personnes blessées ou traumatisées par la catastrophe;

2° rikorerwa abari baragezweho n'ingaruka z'ibiza;

2° be directed to those affected by the impact of disaster;

2° aux personnes ayant subi l'impact de la catastrophe;

3° ryita ku bikorwa remezo byangijwe n'ibiza;

3° deal with the infrastructure damaged by disaster;

3° aux infrastructures endommagées par la catastrophe;

4° ryita ku bindi byose bikenewe

4° take into consideration any such other

4° à la prise en compte de tous autres

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

byemejwe n'inzego z'imicungire y'ibiza.

needs as may be approved by disaster management organs.

besoins approuvés par les organes de gestion des catastrophes.

**Ingingo ya 33: Igihe isana n'ishyirwa mu buryo bitangirira**

**Article 33: Period for commencement of rehabilitation and recovery**

**Article 33: Délai de commencement de la réhabilitation et du redressement**

Isana n'ishyirwa mu buryo ry'ibyangijwe n'ibiza bitangira bitarenze:

The period for commencement of rehabilitation and recovery shall be within :

Le délai de commencement de la réhabilitation et du redressement ne doit pas dépasser :

- 1° iminsi mirongo itatu (30) ku kiza cy'urwego rwa mbere;
- 2° iminsi mirongo itandatu (60) ku kiza cy'urwego rwa 2;
- 3° iminsi mirongo icyenda (90) ku kiza cy'urwego rwa 3;
- 4° umwaka umwe ku kiza cy'urwego rwa 4.

- 1° thirty (30) days for category 1 disaster;
- 2° sixty (60) days for category 2 disaster;
- 3° ninety (90) days for category 3 disaster;
- 4° one year for category 4 disaster.

- 1° trente (30) jours pour une catastrophe de catégorie 1;
- 2° soixante (60) jours pour une catastrophe de catégorie 2;
- 3° quatre-vingt-dix(90) jours pour une catastrophe de catégorie 3;
- 4° une année pour une catastrophe de catégorie 4.

**Ingingo ya 34 : Inzego zisana zikanasubiza mu buryo ibyangijwe n'ibiza**

**Article 34: Organs responsible for rehabilitation and recovery of disaster**

**Article 34: Organes chargés de la réhabilitation et du redressement en cas de catastrophe**

SEDIMAC igena uko isana n'ishyirwa mu bikorwa by'ibyangijwe n'ibiza byo mu cyiciro cya mbere bikorwa;

SEDIMAC shall determine modalities for rehabilitation and recovery in case of disaster of category 1;

SEDIMAC définit les modalités de réhabilitation et de redressement en cas de catastrophe de catégorie 1;

DIDIMAC igena uko isana n'ishyirwa mu bikorwa by'ibyangijwe n'ibiza by'icyiciro cya kabiri bikorwa;

DIDIMAC shall determine modalities for rehabilitation and recovery in case of disaster of category 2 ;

DIDIMAC définit les modalités de réhabilitation et de redressement en cas de catastrophe de catégorie 2 ;

NADIMAC igena uko isana n'ishyirwa mu bikorwa by'ibyangijwe n'ibiza mu cyiciro cya

NADIMAC shall determine modalities for rehabilitation and recovery in case of disaster

NADIMAC définit les modalités de réhabilitation et de redressement en cas de



gatatu n'icya kane bikorwa.

of categories 3 and 4.

catastrophe de catégories 3 et 4.

**UMUTWE WA VI : INKOMOKO Y'UMUTUNGO WIFASHISHWA MU MICUNGIRE Y'IBIZA**

**CHAPTER VI: SOURCE OF RESOURCES ALLOCATED TO DISASTER MANAGEMENT**

**CHAPITRE VI : SOURCE DES FONDS ALLOUES A LA GESTION DES CATASTROPHES**

**Ingingo ya 35: Ingingo y'imari y'imikorere y'inzeho z'imicungire y'ibiza**

**Article 35: Operation budget of organs responsible for disaster management**

**Article 35: Budget de fonctionnement des organes de gestion des catastrophes**

Ingingo y'imari ya NADIMAC, NADIMATEC na NPDM iteganywa na Minisiteri.

The Ministry shall include the budget of NADIMAC, NADIMATEC and NPDM in its own budget.

Le Ministère prévoit le budget de NADIMAC, de NADIMATEC et celle de NPDM dans son propre budget.

Inama Njyanama z'Uturere ziteganywa ingengo y'imari y'imikorere ya DIDIMAC na SEDIMAC.

The District Councils shall determine the operational budget of DIDIMAC and SEDIMAC.

Les Conseils de District déterminent le budget de fonctionnement de DIDIMAC et de SEDIMAC.

**Ingingo ya 36 : Ingingo y'imari y'ikumira n'igabanyabukana ry'ibiza**

**Article 36: Budget for disaster prevention and mitigation**

**Article 36: Budget de prévention et d'atténuation des catastrophes**

Inzeho zose za Leta n'iz'abikorera ziteganywa ingengo y'imari igenewe ikumira n'igabanyabukana ry'ibiza mu ngengo y'imari yazo.

All public and private institutions shall include in their respective budgets funds for disaster prevention and mitigation.

Toutes les institutions publiques et privées prévoient dans leurs budgets respectifs des fonds de prévention et d'atténuation des catastrophes.

**Ingingo ya 37: Ingingo y'imari yo gutabara, gufasha, gusana no gushyira mu buryo byangijwe n'ibiza**

**Article 37: Budget for response, assistance, rehabilitation and recovery in case of disaster**

**Article 37: Budget d'intervention, d'assistance, de réhabilitation et de redressement en cas de catastrophe**

Inzeho zigize NADIMAC ziteganywa ingengo y'imari yo gukoresha mu gutabara, gufasha, gusana no gushyira mu buryo byangijwe n'ibiza byo mu cyiciro cya gatatu (3) n'icya kane (4).

Organs of NADIMAC shall include in their respective budgets funds for response, assistance, rehabilitation and recovery in case of disaster of categories 3 and 4.

Les organes de NADIMAC prévoient dans leurs budgets respectifs des fonds d'intervention, d'assistance, de réhabilitation et de redressement en cas de catastrophes de catégories 3 et 4.

*Official Gazette n° 05 of 01/02/2016*

Akarere gateganya ingengo y'imari yo gukoresha mu gutabara, gufasha, gusana no gushyira mu buryo ibyangijwe n'ibiza byo mu cyiciro cya mbere (1) n'icya kabiri (2).

**Ingingo ya 38: Ishyirwaho ry'Ikigega kigenewe guhangana n'ibiza**

Hashyizweho Ikigega cy'ingoboka mu gihe cy'ibiza.

Umutungo w'ikigega ukomoka aha hakurikira:

- 1° ingengo y'imari kigenerwa na Leta;
- 2° inkunga z'abafatanyabikorwa;
- 3° impano n'indagano.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere n'imikorere by'Ikigega cy'ingoboka mu gihe cy'ibiza.

**UMUTWE WA VII : INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 39: Itegerurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

The District shall include in its budget funds for response, assistance, rehabilitation and recovery in case of disaster of categories 1 and 2.

**Article 38: Establishment of the Disaster Response Fund**

There is hereby established a Disaster Response Fund.

Financial sources of the Fund shall derive from the following:

- 1° State budget allocations;
- 2° partners' grants;
- 3° donations and bequests.

An Order of the Prime Minister shall determine the organization and functioning of the Disaster Response Fund.

**CHAPTER VII : FINAL PROVISIONS**

**Article 39: Drafting, consideration and adoption of this law**

This law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Le District prévoit dans son budget les fonds d'intervention, d'assistance, de réhabilitation et de redressement en cas de catastrophes de catégories 1 et 2.

**Article 38: Création du Fonds d'Intervention en cas de Catastrophes**

Il est créé un Fonds d'Intervention en cas de Catastrophes.

Les ressources financières du Fonds proviennent des sources suivantes:

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat ;
- 2° les subventions des partenaires ;
- 3° les dons et legs.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organisation et le fonctionnement du Fonds d'Intervention en cas de Catastrophes.

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 39: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 41: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **29/08/2015**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 40: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 41: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **29/08/2015**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice / Attorney General

**Article 40: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 41: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **29/08/2015**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux